**POLISI Y'U RWANDA**

**IBIRO BISHINZWE ABAKOZI**

**P.o.Box 6304 KIGALI**

www.police.gov.rw

## ITANGAZO RIGENEWE ABIFUZA KWIGA MU ISHURI RIKURU RYA POLISI Y'U RWANDA - MUSANZE

Polisi y'u Rwanda iramenyesha abantu bose bifuza kwiga mu ishuri rikuru rya Polisi riherereye mu Ntara y'Amajyaruguru, Akarere ka Musanze ko abujuje ibisabwa, batangira kwiyandikisha ku cyicaro gikuru cya Polisi y'u Rwanda ku Kacyiru guhera tariki ya **14** kugeza tariki ya **31 Werurwe 2025**.

**Uwiyandikisha agomba kuba yujuje ibi bikurikira**:

a. Kuba ari umunyarwanda
b. Kuba afite imyaka hagati ya 18 na 23
c. Kuba yaratsinze neza ibizamini bisoza amashuri yisumbuye
d. Kuba atarigeze akatirwa n'inkiko igifungo kirengeje amezi atandatu
e. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire
f. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo ya Leta
g. Kuba afite ubuzima buzira umuze
h. Kuba ari ingaragu

Ishuri rikuru rya Polisi y'u Rwanda rifite amashami atandukanye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe inagaragaza ibyo usaba kuryigamo agomba kuba yarize ndetse n'amanota fatizo agomba kuba yarabonye mu bizamini bisoza amashuri yisumbuye:

| S/N | ISHAMI | IBYO YIZE MU MASHURI YISUMBUYE | AMANOTA FATIZO |
|---|---|---|---|
| 01 | Amategeko | Amateka, Ubukungu n'Ubumenyi bw'isi (HEG) | • Kuba yaratsinze neza amasomo abiri y'ibanze afite nibura amanota ari hejuru ya 50% muri buri somo<br>• Agomba kuba yaratsinze afite nibura amanota yose hamwe 60% |
| | | Amateka, Ubumenyi bw'isi n'Ubuvanganzo (HGL) | |
| | | Ubuvanganzo, Ubukungu n'Ubumenyi bw'isi (LEG) | |
| | | Amateka, Ubukungu n'Ubuvanganzo (HEL) | |
| | | Ubuvanganzo, Ikinyarwanda n'Igiswahiri (LKK) | |
| | | Ubuvanganzo, Igifaransa n'Ikinyarwanda (LFK) | |
| | | Ubuvanganzo, Igiswahiri n'Igifaransa (LKF) | |
| 02 | Ikoranabuhanga | Imibare, Ubugenge na mudasobwa (MPC) | • Kuba yaratsinze neza amasomo abiri y'ibanze (Imibare n' Ubugenge, Imibare na Mudasobwa cyangwa Ubugenge na Mudasobwa) afite nibura amanota ari hejuru ya 50% muri buri somo<br>• Agomba kuba yaratsinze afite nibura amanota yose hamwe 60% |
| | | Imibare, Mudasobwa n'Ubukungu (MCE ) | |
| | | Imibare, Ubugenge n'ubumenyi bw'Isi (MPG) | |
| | | Ubugenge, Ubutabire n' Imibare (PCM) | |
| 03 | Indimi | Ubuvanganzo, Ikinyarwanda n'Igiswahili (LKK) | • Kuba yaratsinze neza amasomo abiri y'ibanze afite nibura amanota ari hejuru ya 50% muri buri somo<br>• Agomba kuba yaratsinze afite nibura amanota yose hamwe 60% |
| | | Ubuvanganzo, Igifaransa n'Igiswahili (LFK) | |
| | | Ubuvanganzo, Igiswahili n'Igifaransa (LKF) | |
| 04 | Amasomo y'igipolisi cy'umwuga | Ubugenge, Ubutabire n'Ibinyabuzima (PCB) | • Kuba yaratsinze neza amasomo abiri y'ibanze afite nibura |
| | | Ibinyabuzima, Ubutabire n'Ubumenyi bw'Isi (BCG) | |
| | | Imibare, Ubutabire n'Ibinyabuzima (MCB) | |



RWANDA NATIONAL POLICE - DEPT. OF HUMAN RESOURSES MANAGEMENT
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | Imibare, Ubugenge n'Ubumenyi bw'Isi (MPG) | amanota ari hejuru ya 50% muri buri somo<br><br>• Agomba kuba yaratsinze afite nibura amanota yose hamwe 60% |
| | | Imibare, Ubugenge na mudasobwa (MPC) | |
| | | Imibare, Mudasobwa n'Ubukungu (MCE) | |
| | | Ubugenge, Ubutabire n'Imibare (PCM) | |
| | | Amateka, Ubukungu n'Ubumenyi bw'Isi (HEG) | |
| | | Amateka, Ubumenyi bw'isi n'Ubuvanganzo (HGL) | |
| | | Ubuvanganzo, Ubukungu n'Amateka (HEL) | |
| | | Ubuvanganzo, Ubukungu n'Ubumenyi bw'Isi (LEG) | |
| | | Imibare, Ubukungu n'Ubumenyi bw'Isi (MEG) | |

Abujuje ibisabwa, kwiyandikisha bikorwa mu minsi y'akazi kuva saa mbiri za mugitondo (08h00) kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00).

**Abiyandikisha basabwa kuza bitwaje ibi bikurikira:**

1. Fotokopi y'indangamuntu

2. Fotokopi y'urupapuro rugaragaza amanota yabonye mu bizamini bya Leta bisoza amashuri yisumbuye (Result slip)

3. Ifishi iboneka ku rubuga rwa Polisi (www.police.gov.rw) yujujwe neza, iriho ifoto (Passport photo) ya nyirayo igaragara neza.

Kubindi bisobanuro mwahamagara kuri telefoni: 0788311526, 0781860024, cyangwa 0788311785.

Bikorewe i Kigali kuwa 13 Werurwe 2025

**Jacques BURORA**

**ACP**

**Komiseri ushinzwe abakozi**